

UMWANZURO W'INAMA YEREKEYE UMUCO W'IGIHUGU

Inama yateranijwe no kwiga ubulyo umuco w'igihugu wakwitabwaho yabereye i Kigali mu ngoro y'urubwiruko kuva ku wa 18 Gicurasi kugeza ku wa 24 Gicurasi 1980.

Iyo nama yali yatumiwe na Minisitiri w'Uburezi bw'Igihugu Dore ibyo iyo nama yali igamije:

- kureba umuco icyo ari cyo n'ubulyo watezwa imbere
- gukusanya ingingo nteganyabikorwa mu rwego rw'umuco w'igihugu

- kugaragaza ibyangombwa kugirango iyo migambi igerweho. Abagize inama bamaze kumvira mu ruhame ibitekerezo by'impuguke no kubijyaho impaka, bigabanijemo imitwe itatu igamije gusuzuma ibyerekeye :

- urulimi rw'ikinyarwanda
- ubuhanga n'imikino biranga umuco
- inzego zo gukungahaza umuco no kuwamamaza.

Inama:

- yabonye ko nta majyanbere nyayo ashobora kugerwaho adashyigiyeho ku mucu w'igihugu;
- yabonye ko gushyigikira ubuhanzi ari bwo bulyo bw'imena bwo gufasha abanyarwanda guhagurukira amajyanbere ubwabo;
- yabonye ko umuco ushobora kuyoyoka iyo inkingi ziwushyigiyeho zigenda zigabanuka;
- yabonye ko abanyarwanda bakunda umuco wabo kandi bawukomeyeho;
- yabonye ko ikinyarwanda gifite uruhare runini mu mucu w'igihugu, n'ikwirakwiza ry'ubuhanga, no n'ihuza ry'abanyarwanda kibabumbira hamwe;
- yabonye ko abahanzi badafite uburyo n'ubushobozi bwo gushyikiliza rubanda ibyo bakozeho;
- yabonye ko ari ngombwa gucisha mu nzira imwe ibyerekeye umuco, byaba ibikorwa na leta, byaba n'ibitayishyigiyeho.

Noneho dore ibyo iyo nama yasabye :

1² Kubyerekeye amatwara ateza imbere umuco.

- * gushyiraho integanyabikorwa ihanywe mu rwego rw'umuco ifatiye ku byifuzo by'abanyarwanda;
- * gushyiraho urwego runwe rukumbi rushinzwe umuco, kandi urwo rwego rugateganyilizwa imali yo kuwamamaza;

.../...

- * gushyiraho inteko y'abahanga mu muco batega amatwi ibyifuzo by'abaturage ku muco wabo;
- * gushyiraho amategako alinda uburenganzira bw'abahanzi mu bikorwa byabo, mw'itangazamakuru, no mw'ishyiringurwa ry'ibyakoze;
- * gushyira ubwumvikane mu byakoze ku muco, ari mu bigo biyoborwa na Leta ari no mu byigenga, kugira ngo bihore baterana inkunga ;
- * guteganya mu gihugu no mu turere, ibihe mu mwaka byo kwerekana ibikorwa ndangamuco.

2^a Mu byangombwa biteza imbere umuco.

- * gushyiraho inzu nkoranyabitabo y'igihugu n'inzu iranga ubuhanga mu bumenyi, mu bukolikoli, no mu buhanzi;
- * gushinga ikigo gishyingura ibyanditse ku Rwanda;
- * gushinga ibigo mboneramuco mu turere tw'u Rwanda;
- * guteza imbere ibikwizamakuru bya Leta, ^{n'ibyigenga} cyangwa ibindi bigamije gufasha abahanzi mu muco no gukwirakwiza amakuru n'ubumenyi.

3^a Mu rwego rw'indangamuco, ~~dore ibyo inama yasabye:~~

- * kwiga ingingo z'ireme mu muco w'igihugu n'ubulyo bwo kuzicengeza mu rubyiruko;
- * gukomeza indangamuco gakondo z'u Rwanda no kuziga binonosoye;
- * gukomeza umurage w'abakurambere ukubiye mu mvugo no kuwukoresha ku bulyo bukwiye :
 - kuwusarura aho uri hose nko mu bitekerezho, mu bisigo, mu migani n'ibindi,
 - guteganya ubulyo bwo kuwushyingura, kuwukwirakwiza no kuwamamaza,
 - gusesengura uwo murage kugira ngo ube umusemburo w'amajyambere.
- * kwandika agatabo gakubiyemo umuco wa kinyarwanda kugira ngo ukwirakwizwe maze wamamare;
- * gushinga ikigo kimulikirwamo ibiranga umunyarwanda n'umuco we ~~gakondo~~ ^{karamu}

.../...

4. Ku byerekeye ikinyarwanda

- Ingingo ya kane y'itegeko nshinga ivuga ko ikinyarwanda ari urulimi rwa Leta igomba kugaragazwa mu bikorwa maze ikinyarwanda kigakoreshwa koko mu butegetsi bw'igihugu.

- Ibinyamakuru na radiyo bigomba gukwirakwiza ikinyarwanda kiboneye, kitavanzemo amagambo y'amavamahanga ~~adakenewe~~ akidindiza, abavugira kuli radiyo bakakivuga neza, ibinyamakuru bikacyandika neza.

- Ikinyarwanda kigomba kugira umwanya uhagiye mu mashuri y'inzego zose, kikigishwa kandi umushinga wo kwigisha ubumenyi bwo mu kinyarwanda ugatera imbere.

- Hagomba kwandikwa ibitabo mfasha nyigisho by'ikibonezamvugo, gusoma, inkoranyamagambo no gusobanura mu kinyarwanda amagambo y'ubuhanga bw'inzego zose.

- Guhamya amatwara:

- yogutera inkunga ubwanditsi,

- gushinga inzu y'ubwanditsi no gushyikiliza rubanda ibitabo n'ibindi byamamaza ubumenyi.

- Kugaragaliza mu bikorwa ibyifuzo byagezweho n'inama zisuzuma imyigishirize y'ikinyarwanda n'inama ya mbere y'ababimbyi n'abahanzi b'abanyarwanda.

5. Ku byerekeye amateka y'igihugu.

- Amateka y'inzira zose n'uturere twose agomba kuzimburwa kandi akandikwa ku buryo bunonosoye

- Amateka yose y'igihugu cyacu agomba gukoranyilizwa mu gitabo cy'ikinyarwanda ⁿⁱ ~~n~~ igifaransa.

- Ibintu n'ahantu biranga amateka y'u Rwanda bigomba kubarurwa, gusobanurwa no kulindwa kandi bikigwa n'abanyarwanda babizobereyemo.

6. Ku byerekeye imikino.

- Hagomba gushingwa ikigo cyo guteza imbere ubuhanga mu by'imikino.

- Kulirimba, kubyina, gushushanya n'ubundi buhanga nk'ubwo bigomba kubona umwanya uhagiye mu mashuri.

- Hagomba gushyirwaho urwego rwerekana imikino yahimbwe n'abanyarwanda.

7. Ku byerekeye ubuhanzi mu bukolikoli.

- Ubuhanzi mu bukolikoli bugomba gushyigikirwa, ibyahanzwe bikerekanwa mu Rwanda no mu mahanga.

- Kwigisha abantu ubuhanga bw'ubuhanzi mu bukolikoli.

G U S H I M I R A

Abali mu nama bose barashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Perezida Fondatere wa Muvona Revolusiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda kubera inkunga atera umuco w'igihugu kugira ngo ube imwe mu nkingi z'amajyambere.

Barashimira kandi Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi bw'Igihugu kubera ko yatumiye iyo nama. Ntibibagiwe no gushimira Ishami ry'Umulyango w'Abibumbye ryita ku Burezi, ubuhanga n'umuco kuba lyaragobotse abateguye iyo nama.

Bikorewe i Kigali

Ku wa 24 Gicurasi 1980.